REPUBLIC OF RWANDA

RWANDA PUBLIC PROCUREMENT AUTHORITY (RPPA)
Plot N°. 2, KN 3 AV
10th, FLOORS, GRAND PENSION PLAZA
P. O .Box: 4276, KIGALI/RWANDA
Tel: (+250) 0786582957
E-mail: rppa@rwanda1.rw

Kigali, ku wa 19 Sep 2014

N°010/2014-1221/RPPA

UMUGENGA W'INGENGO Y'IMALI

(BOSE)

IMPAMVU: Inzitizi ku ishyirwa mu bikorwa ry'Ingingo ya 47 y'Iteka rya Minisitiri N°.001/14/10/TC ryo ku wa 19/02/2014

Bwana/Madamu,

Twagira ngo tubamenyeshe ko hari inzitizi twabonye mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 47 y'Iteka rya Minisitiri No.001/14/10/TC ryo kuwa 19/02/2014 Rishyiraho Amabwiriza Agenga Amasoko ya Leta, Ibitabo by'Amabwiriza Agenga Ipiganwa, n'Amasezerano by'icyitegererezo.

Iyo ngingo ivuga ko ***"Haseguriwe ibiteganywa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta, iyo urwego rutanga amasoko rusanze imirimo y'inyongera ku masezerano y'ibazne irenze makumyabiri ku ijana (20%) by'agaciro k'amasezerano y'ibanze, kandi urwego rukumva bidashoboka ko iyo mirimo y'inyongera ikorwa biciye mu rindi soko mu rwego rwo kwirinda kuyitandukanya n'ibyamaze gukorwa kubera impamvu za tekiniki cyangwa izindi mpamvu zigamije kumenya neza ugomba kwishingira ibyakozwe, urwego rugomba kubimenyesha Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta (RPPA) runagisaba uburenganzira bwo gutanga icyo gice."***

Izo nzitizi zikaba ziterwa n'uko ingingo ya 56, igika cya mbere, akiciro ka 4, y'Itegeko N°12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga Amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu yo iteganya ko iyo ***"... hari akazi k'inyongera kadashobora, ku mpamvu za tekiniki, gutandukanywa n'isoko ry'ibanze, agaciro k'akazi k'inyongera ntikarenga makumyabiri ku ijana (20%) y'amafaranga akoreshwa mu isoko ry'ibanze kandi ayo masoko akorerwa amasezerano y'inyongera."***

Kubera ko Iteka ridashobora kuvuguruza Itegeko, turabamenyesha ko urwego rutanga isoko ruzasanga ari ngombwa kongera amasezerano ku rugero rurenze 20% ruzajya rushingira ku ngingo ya 23 *bis* y'Itegeko rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryavuguruwe kugeza ubu, maze rugasaba ko iyo mirimo y'inyongera yatangirwa isoko rishya nta piganwa ribayeho, rigahabwa rwiyemezamirimo wari usanganywe amasezerano. Muri icyo gihe ibiteganywa n'ingingo y'itegeko yavuzwe haruguru ndetse n'ibiteganywa n'ingingo za 38 na 39 z'Iteka rya Minisitiri naryo ryavuzwe haruguru bigomba kubahirizwa.

Mugire amahoro

SEMINEGA Augustus
UMUYOBOZI MUKURU